# Iri dini rizagera aho ari ho hose hagera amanywa n'ijoro, kandi Allah ntazigera arenga inzu yaba iyo mu mujyi cyangwa se mu byaro, mu bibaya no mu mpinga, usibye ko azahageza iri dini

Hadith yaturutse kwa Tamim A-Dariy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Iri dini rizagera aho ari ho hose hagera amanywa n'ijoro, kandi Allah ntazigera arenga inzu yaba iyo mu mujyi cyangwa se mu byaro, mu bibaya no mu mpinga, usibye ko azahageza iri dini, uzaryemera azamwubahisha cyangwa se uzarihakana amusuzuguze, icyubahiro Allah azubahisha iri dini ry'ubuyisilamu, cyangwa se gusuzugurika Allah azasuzuguza ubuhakanyi." Icyo gihe Tamimu A-Dariy yajyaga avuga ati: Ibi nabibonye mu bantu bo mu muryango wanjye, ababaye abayisilamu bagezweho n'ibyiza byinshi ndetse baranubahika, n'ababaye abahakanyi muri bo barasuzuguritse bata agaciro, batanga n'umusoro.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko iri dini rizakwira mu nguni zose z'isi, kugeza ubwo buri hantu hose hagera amanywa n'ijoro iri dini rizahagera. Kandi Allah ntazigera areka inzu n'imwe yaba iyo mu mijyi no mu byaro, mu bibaya no mu mpinga, no mu butayu usibye ko azahageza iri dini. Uzaryemera rero akariyoboka azubahika kubera icyubahiro cy'ubuyisilamu, N'uzabwanga akabuhakana azasuzugurika ate agaciro. Umusangirangendo Tamim A-Dariy (Imana imwishimire) arangije avuga ko ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze yabyiboneye mu muryango we, aho uwabaye umuyisilamu yabonye ibyiza byinshi ndetse aranubahika, n'uwahakanye muri bo yasuzuguritse ata agaciro, hamwe no kwishyura abayisilamu umusoro.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee